# 305: Uwo ni nd' urambitswe Mu muvure

1. Uwo ni nd' urambitswe Mu muvure w'inka se ?

Ref: N’Umukiz' Umwami wacu n’ igltangaza tubonye. Ngwino, tumwunamire, Tumuramy' atwimemo !

2. Uriya wasonzeye Mu butayu ni nde se ?

3. Kand' uriya wigisha Bos' ibyiza ni nde se ?

4. Ni nde se bazanira Abarwayi n'indushyi ?

5. Mbese, ni nd' uririra Lazar’ amaze gupfa ?

6. Ni nde se basingiza, Ahetswe n'indogobe ?

7. Mbese, ni nd' ushavuye, Aseng' i Getsemane ?

8. Uhaw' iby' atakoze Ku Musaraba ni nde?

9. Ni nde watuzukiye Ngw atubohor' ibyaha ?

10. Ni nd' ugeze mw ijuru, Afit' icyubahiro ?

Visit us at burundi.indirimbo.com